


Republic of Rwanda
City of Kigali

# AGATABO MPINE KU NGENGO Y'IMARI Y'UMUJYI WA KIGALI Y'UMWAKA WA 2022_2023









**Kanama, 2022**

CLADHO

unicef
for every child

## IJAMBO RY'IBANZE



Mu izina ry 'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali no mu izina ryanjye bwite, nishimiye kubagezaho agatabo kazababafasha kumenya bimwe mu biri mu ngengo y'imari y'Umujyi wa Kigali 2022/2023.

Ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali yateguwe hagendewe ku cyerekezo cy'Igihugu (NST1) na gahunda y'Iterambere ry'Umujyi wa Kigali ry'imyaka itandatu *(Integrated Development Strategy 2018-2024).*

Kumenya ingengo y'imari y'Umujyi wa Kigali bizatuma abaturage barushaho kumenya uruhare rwabo mu itegurwa ryayo, n'uburyo ikoreshwa, no kubaza inzego z'ubuyobozi ku ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Ingengo y'Imari ya 2022/2023 y'Umujyi wa Kigali igizwe n'ingengo y'imari igenwa n'Ubuyobozi bukuru bw'Igihugu, Ingengo y'imari ituruka mu butegetsi bwite bwa Leta, amafaranga Umujyi winjiza mu misoro n'amahoro n' abaterankunga. Abaturage, n'imiryango itegamiye kuri Leta, bazunganira ingengo y'imari hakorwa ibikorwa n'imishinga bigamije iterambere rusange ry'abaturage.

Turashimira byimazeyo Abaturage, Inzego za Leta, Abikorera n'Abafatanyabikorwa bose ku ruhare bagize mu gutegura ingengo y'imari y'umwaka wa 2022/2023 n'uruhare bakomeje kugira mu iterambere ry'Igihugu by'umwihariko n'Umujyi wa Kigali muri rusange no kuzamura Imibereho y'Abaturage. Turizera tudashidikanya ko ubwo bufatanye buzarushaho kwiyongera muri uyu mwaka wa 2022-2023.

**RUBINGISA Pudence**

**Umuyobozi w' Umujyi wa Kigali**

# I. INTEGO Y 'AGATABO

Intego y'aka gatabo ni ugufasha abaturage kumenya bimwe mu bikorwa by'Umujyi wa Kigali bizakorwa byavuye mu bitekerezo batanze hategurwa ingengo y'imari ya 2022/2023 kugira ngo buri muturage amenye ibizamukorerwa, abigire ibye afashe ubuyobozi kubishyira mu bikorwa anamenye uruhare afite mu kubibungabunga.

## 1.1. IMITERERE Y'UMUJYI WA KIGALI

Umujyi wa Kigali ugizwe n'Uturere 3, Imirenge 35, Utugari 161, Imidugudu 1,158 n'amasibo 10,992.




*Ikarita y'Umujyi wa Kigali*

**Umujyi wa Kigali uhana imbibi:**


- Mu Majyepfo: Akarere ka Bugesera
- Mu Majyaruguru: Akarere ka Gicumbi na Rulindo
- Mu burasirazuba: Akarere ka Rwamagana na Gicumbi
- Mu burengerazuba: Akarere ka Kamonyi

**Umujyi wa Kigali ufite:**

- Ubuso bungana na $Km^2$ 730
- Abaturage (NISR) : 1,631,000
- Abagabo 51%
- Abagore 49%

## II. UKO INGENGO Y'IMARI Y'UMUJYI WA KIGALI YAGIYE IHINDUKA MU MYAKA INE (2019-2023)


| N0 | UMWAKA | INGENGO Y'IMARI |
|---|---|---|
| 1 | 2019-2020 | **100,050,346,152** |
| 2 | 2020-2021 | **115,947,417,037** |
| 3 | 2021-2022 | **127,687,936,664** |
| 4 | 2022- 2023 | **123,476,606,774** |




## III. INGENGO Y'IMARI Y'UMUJYI WA KIGALI


### 3.1. INGENGO Y'IMARI N'AHO IZATURUKA 2022-2023

| AHO IMARI IZATURUKA | INGENGO Y'IMARI | % |
|---|---|---|
| Amafaranga aturuka mu butegetsi bwite bwa Leta | 52,454,354,886 | 42% |
| Amafaranga yinjizwa n'Umujyi | 59,433,051,982 | 48% |
| Amafaranga aturuka mu baterankunga | 2,466,785,273 | 2% |
| Amafaranga yimukanywe umwaka 2021-2022 | 9,122,414,633 | 7% |
| Ingengo y'imari yose /*Total Budget* | 123,476,606,774 | 100% |



## 3.2. UKO INGENGO Y'IMARI ISARANGANYIJE MU BIKORWA BITEGANYIJWE

| N0 | IBIKORWA | INGENGO Y'IMARI | IJANISHA (%) |
|---|---|---|---|
| 1 | Gutwara abantu n'ibintu (Imihanda, ibiraro) | 29,925,239,958 | 24% |
| 2 | Ubuyobozi no gufasha serivisi | 32,166,934,482 | 26% |
| 3 | Uburezi | 26,734,661,854 | 22% |
| 4 | Imiturire n'imicungire y'ubutaka | 6,544,105,579 | 5% |
| 5 | Ubuzima | 10,536,202,445 | 9% |
| 6 | Iterambere ry'imibereho myiza | 4,818,322,374 | 4% |
| 7 | Ibidukikije n'umutungo kamere | 4,163,500,674 | 3% |
| 8 | Urubyiruko, siporo n'umuco | 1,326,144,133 | 1% |
| 9 | Imiyoborere myiza | 2,898,463,092 | 2% |
| 10 | Iterambere ry'ishoramari n'abikorera | 2,486,529,490 | 2% |
| 11 | Amazi n'isukura | 664,500,000 | 1% |
| 12 | Ubuhinzi | 1,212,002,693 | 1% |
| **Ingengo y'imari yose** | | **123,476,606,774** | **100%** |



## 3.3. BIMWE MU BIKORWA BYAKOZWE MU NGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2021-2022

| No | IBIKORWA | INGENGO Y'IMARI |
|---|---|---|
| 1 | Havuguruwe imiturire y'akajagari ya MPAZI hubakwa ibikorwaremezo | 3,804,701,940 |
| 2 | Hakozwe inyigo yo gutunganya ibice bibonekamo imyuzure: Rugunga, Rwandex, Gisozi-Karuruma, Kinyinya, Nyabisindu | 803,228,398 |
| 3 | Kuvugurura imiturire ya Mpazi hubakwa amacumbi 56 aciriritse mu Murenge wa GITEGA | 915,069,253 |
| 4 | Hatuganyijwe icyanya cyahariwe abanyamaguru n'amagare (Imbuga city walk) | 108,888,859 |
| 5 | Imihanda ya Kaburimbo ya USA Embassy- Kimicanga, Kacyiru deviation, ALU Campus, Kabeza- Airport- Itunda, Rusororo, Kinamba, Portofino | 18,970,169,824 |
| 6 | Hubatswe ibiraro 4 by'abanyamaguru mu Mirenge ya Mageragere, Kigarama, Jali na Nduba (footbridges) | 82,830,408 |
| 7 | Gushyira amatara ku mihanda ya Karama na Busanza ireshya na km15 | 1,573,773,285 |
| 8 | Hubatswe amasoko abiri ya Nyarurama na Karembure | 178,083,932 |
| 9 | Havuguruwe isoko rya Nyacyonga | 309,462,002 |
| 10 | Kubaka Ibiraro bya mpazi ku mugezi wa Nyabugogo | 6,124,276,025 |
| 11 | Hubatswe Ruhurura za Rwimbogo na APACE | 1,293,042,681 |
| 12 | Hatanzwe akazi ku bantu 7,097 mu gutunganya no gufata neza imihanda y'itaka (VUP cPW/Epw) | 1,009,391,066 |
| 13 | Hatanzwe inkunga y'ingoboka ku batishoboye 4,049 (VUP/DS) | 781,363,014 |
| 14 | Kubakira amacumbi 51 y'abacitse ku icumu rya Jenoside | 181,024,836 |
| 15 | Kubaka Umuhanda wa Kagarama-Muyange | 2,680,451,185 |
| 16 | Kubaka umuhanda wa Karuruma Bweramvura | 2,174,428,575 |
| 17 | Kubaka Umuhanda wa RBS- Byimana | 288,374,363 |
| 18 | Kubaka amazu y'abatishoboye 74 mu Mirenge ya Kigali na Jali | 984,249,558 |
| 19 | Kubaka amashuri 1637, ibikoni 15 n'ubwiherero 2263 | 4,090,297,768 |
| 20 | Kubaka umurenge wa Kinyinya | 214,396,627 |
| 21 | Kubaka inzira z'amazi, gutera ibiti n'indabo | 1,257,817,706 |

### 3.3.1. BIMWE MU BIKORWA BYAKOZWE MU MAFOTO



***Gutunganya no gufata neza imihanda y'itaka (VUP cPW/ePW)***

***Umuhanda wa Nyarutarama-Golf***
*(Umwe mu mihanda mishya ya kaburimbo)*





***Udusoko duto twubakiwe abacuruzi bato-Karembure***



*Hatunganyijwe inzira z'abanyamaguru n'abakoresha amagare*

*Kuvugurura imiturire ya Mpazi hubakwa amacumbi aciriritse*






*Mumiyoborere myiza, hubatswe ibiro by'imirenge*

*Ikiraro cy'abanyamaguru*



## 3.4 ISARANGANYWA RY'INGENGO Y'IMARI HAKURIKIJWE INKINGI ZA GUVERINOMA

| INKINGI | IBYICIRO BY'INKINGI | INGENGO Y'IMARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|
| **INKINGI 1** | **Ubukungu** | **37,968,663,349** | **31%** |
| | Ubuhinzi n'ubworozi | 1,212,002,693 | |
| | Iterambere ry'ishoramari n'abikorera | 2,667,920,024 | |
| | Ubwikorezi | 29,925,239,958 | |
| | Iterambere ry'imibereho myiza | 4,163,500,674 | |
| **INKINGI 2** | **Imibereho myiza** | **50,442,545,851** | **41%** |
| | Amazi n'isukura | 664,500,000 | |
| | Gutunganya imiturire y'umujyi n' icyaro | 6,544,105,579 | |
| | Iterambere ry'imibereho myiza | 4,818,322,374 | |
| | Ubuzima | 10,536,202,445 | |
| | Uburezi | 26,734,661,854 | |
| | Urubyiruko, siporo n'umuco | 1,144,753,599 | |
| **INKINGI 3** | **Imiyoborere myiza** | **35,065,397,574** | **28%** |
| | Imiyoborere myiza | 34,746,662,096 | |
| | Ubutabera, ubwiyunge n'amategeko (JRLO) | 318,735,478 | |
| | **IGITERANYO** | **123,476,606,774** | |

## 3.5 BIMWE MU BIKORWA BIZAKORWA MU NGENGO Y IMARI Y UMWAKA WA 2022-2023

| | IBIKORWA | INGENGO Y IMARI |
|---|---|---|
| I | Amafaranga aturuka mu butegetsi bwite bwa Leta (*Earmarked Transfers*) | |
| 1.1 | Ubwikorezi (Transport) | |
| | Gutanga akazi ku batishoboye mu gutunganya no gufata neza imihanda y'itaka -VUP cPW | 749,145,444 |
| | Gutanga akazi ku bantu batishoboye mu gutunganya no gufata neza imihanda y'itaka -VUP /ePW | 251,070,215 |
| | Kubaka ibiraro by'abanyamaguru | 89,293,000 |
| | Kubaka imihanda ya kaburimbo (KIP) | 13,000,000,000 |
| | Kubaka umuhanda wa Kagarama Muyange | 515,617,782 |
| | Gushyira amatara ku mihanda mishya n'isanzwe | 235,861,448 |
| 1.2 | Iterambere ry'imibereho myiza ( Social Protection) | |
| | Gutanga inkunga y'ingoboka ku batishoboye baturuka mu miryango ikennye | 477,810,000 |
| | Kubaka amazu 39 y'abarokotse Genocide y'akorewe Abatutsi | 643,501,320 |

| | IBIKORWA | INGENGO Y IMARI |
|---|---|---|
| | Gukurikirana amarerero y'abana bato (ECD) | 79,239,943 |
| | Gushyiraho amarerero y'abana bato | 259,419,869 |
| | Gutanga inkunga y'ingoboka ku batishoboye binyuze muri VUP | 347,926,049 |
| | Gutanga amata ku bana bato bari munsi y'imyaka 6 | 106,019,901 |
| 1.3 | Iterambere ry'ishoramari n'abikorera ( Private Sector Development) | |
| | Gufasha no kubaka amasoko y'abacururiza mu mihanda | 727,436,041 |
| 1.4 | Ubuhinzi ( Agriculture) | |
| | Gutanga ifumbire ku bahinzi | 752,679,642 |
| | Gutanga imbuto y'ibigori ku bahinzi | 70,759,727 |
| | Kugura no gutanga inka muri gahunda ya Girinka "One Cow Per Poor Family" | 123,500,000 |
| 1.5 | Ibidukikije n'umutungo kamere ( Environment And Natural Resources) | |
| | Kubaka no gukurikirana Ruhurura za Rwimbogo-Ruragendwa na Kabusunzu-APACE | 1,376,036,156 |
| | | |
| 2 | Amafaranga yinjizwa n'Umujyi (*Own Revenues)* | |
| 2.1 | Ubwikorezi ( Transport) | |
| | Gukora isuku ku mihanda no gutera ibiti n'indabo, kwita ku ndabo ziteye ku mihanda no mu busitani buyikikije | 1,842,145,912 |
| | Kuvugurura ibikorwaremezo hashingiye ku gishushanyombonera | 150,000,000 |
| | Gusana imihanda itameze neza | 800,000,000 |
| | Gusana no gukora ubusitani bwa Nyarutarama wetland, Rwandex public space, Kimihurura, car free zone (COK, Gasabo, Kicukiro, Nyarugenge District) ensured | 100,000,000 |
| | Gukora ubusitani no gukora isuku ku mihanda | 583,793,637 |
| | Gushyira amatara ku mihanda ya kaburimbo itariho amatara | 500,000,000 |
| | Gusana amatara yo ku mihanda no gusimbuza atwara umuriro muke | 1,389,488,330 |
| | Kubaka imihanda ya kaburimbo (KIP) | 4,200,000,000 |
| | Kubaka imihanda ya kaburimbo dufatanyije n'abaturage | 1,500,000,000 |
| | Kubaka ibiraro by'abanyamaguru batuye ahantu hari imigezi | 110,707,000 |
| | Kurangiza kubaka umuhanda wa Karuruma Bweramvura | 250,000,000 |
| 2.2 | Amazi n' isukura ( Water And Sanitation) | |
| | Kubaka imiyoboro ibiri y' amazi ifite ibirometero 56 | 85,000,000 |
| | Kwimura abaturage baturiye ikimoteri cya Nduba | 500,000,000 |
| 2.3 | Iterambere ry'imibereho myiza (Social Protection) | |

| | IBIKORWA | INGENGO Y IMARI |
|---|---|---|
| | Gufasha abaturage batishoboye | 175,000,000 |
| 2.4 | Imiyoborere myiza ( Good Governance And Justice) | |
| | Kugura ubutaka bwaho kubaka Umurenge wa Kimisagara | 200,000,000 |
| 2.5 | Ubuzima (Health) | |
| | Gusana no kubaka uruzitiro rw' ikigonderabuzima cya Bumbogo | 57,000,000 |
| | Gusana no kubaka uruzitiro rw' ikigonderabuzima cya Jali | 120,000,000 |
| 2.6 | Urubyiruko, siporo n'umuco (Youth, Sport And Culture) | |
| | Kubaka urwibutso rwa Mageragere | 150,000,000 |
| | Kuvugurura isoko rya Nyacyonga | 422,000,000 |
| | Kubaka isoko rya Karembure-Nyarurama (Phase 3) | 120,000,000 |
| 2.7 | Ibidukikije n'umutungo kamere ( Environment And Natural Resources) | |
| | Gutanga ibiti by'imbuto mu baturage | 251,999,765 |
| | Kubaka Ruhurura zitubatse | 500,000,000 |
| 2.8 | Imiturire n'imicungire y'ubutaka (Housing, Urban Development And Land Management) | |
| | Gutunganya icyanya cyahariwe abanyamaguru n'amagare (Imbuga city walk) | 300,000,000 |
| | Gukora inyigo yo kuvugurura Rwampala -Kigarama | 80,000,000 |
| | Gusana imidugudu y' iterambere (IDP) | 108,000,000 |
| | Kubaka amazu y'abasenyewe nibiza kimwe n'abatuye mu manegeka | 200,000,000 |
| | Mpazi Informal Settlement rehousing implementation project by SKAT Technology (50 DU/ Phase II). | 2,000,000,000 |
| III | Amafaranga aturuka mu bigo bya Leta (*Transfers from other Gvmt Budget Agencies)* | |
| 3.1 | Ubwikorezi (Transport) | |
| | Kwimura abaturage baturiye TV1 | 55,000,000 |
| | Gutanga akazi ku batishoboye mu gutunganya no gufata neza imihanda y'itaka (VUP Cpw, Epw) | 982,716,875 |
| 3.2 | Iterambere ry'imibereho myiza (Social Protection) | |
| | Kwita ku marerero y'Abana bato | 189,277,731 |
| 3.3 | Ubuzima (Health) | |
| | Kubaka ibyumba by'ababyeyi bya Rugarama (maternity rooms) | 118,300,000 |
| | Gushyira ibikoresho mu bitaro by'Akarere ka Nyarugenge | 914,529,043 |

## IV. IMISHINGA IZAGIRA INGARUKA NZIZA KU BIJYANYE N'UBURINGANIRE NO GUHANGANA N 'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

### 4.1 IMISHINGA YUNGANIRA IHAME RY'UBURINGANIRE

| IBYICIRO BYIHARIYE | INGENGO Y' IMARI |
|---|---|
| Inama y'igihugu y'abafite ubumuga /NCPD | 87,708,176 |
| Inama y'igihugu y'abagore /NWC | 65,748,497 |
| Inama y'igihugu y'urubyiruko /NYC | 135,824,198 |

**BIMWE MU BIGOMBA GUKORWA MU BYICIRO BYIHARIYE**

- Uburinganire n'iterambere ry'umuryango
- Kunganira ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Inama y'Igihugu y'Abagore
- Gushyiraho no gukurikirana gahunda n'ibikorwa by'Umugoroba w'Ababyeyi
- Gufasha no gukurikirana abana bakuwe mu muhanda
- Gutanga inkunga ku bagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Gufasha no kurengera abana bafite ibibazo bitandukanye, kubahuza no kubashyira mu miryango

### 4.2. IMISHINGA IZAKORWA YO GUHANGANA N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE


| | |
|---|---|
| Kubaka Ibiraro bya mpazi ku mugezi wa Nyabugogo | 1,775,816,934 |
| Kurangiza kubaka ruhurura za Rwimbogo-Ruragendwa na Kabusunzu-APACE | 1,476,036,156 |
| Kubaka ruhurura ya Gatsata | 500,000,000 |
| Kubaka no gutunganya ibice bibonekamo imyuzure bya Rugunga, Rwandex, Gisozi-Karuruma, Kinyinya, Nyabisindu | 800,000,000 |
| Kubaka imiyoboro y'amazi | 114,000,000 |
| Gutera ibiti no gukorera isuku ubusitani ku nkengero z' imihanda | 1,792,145,912 |

## V. AMAHIRWE AGARAGARA MU MUJYI WA KIGALI

Ubukungu bw'Umujyi wa Kigali bushingiye kuri ibi bikurikira:

### 5.1 UBUCURUZI

- Dufite ibigo bigari by'ubucuruzi
- Ibyanya byahariwe inganda (Kigali Special Economic Zone na Gahanga)





### 5.2. UBUKERARUGENDO

**Bimwe mu byanya by'ubukerarugendo biri mu mujyi wa Kigali:**



**Amateka ya Bumbogo bwa Nkuzuzu** -Umurenge wa Bumbogo




***Imbuga city walk*** *-Umurenge wa Nyarugenge*




***Nyandungu Eco-Tourism park*** *-Umurenge wa Nyarugunga na Ndera*



***Umusambi Village –*** *Umurenge wa Rusororo*

## 5.2 KIGALI : IGICUMBI CYO KWAKIRA INAMA MPUZAMAHANGA, IBIKORWA BY'IMIKINO N'IMYINDAGADURO

***Umujyi wa Kigali ufite ahantu hanyuranye ho kwakira inama mpuzamahanga n'ibibuga by'imyindagaduro***




***Photo : Kigali Convention Center, BK Arena, INTARE Arena.***

## UBURYO BUZIFASHISHWA MUKUGEZA AKA GATABO KU BATURAGE

- ✓ Urubuga rw'Umujyi wa Kigali: www.kigalicity.gov.rw
- ✓ Inama zitandukanye z'abayobozi
- ✓ Inteko z'abaturage
- ✓ Kubigeza kubakuru b'imidugudu